REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITIRI W'INTEBE

Ijambo rya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe

Dr. Ngirente Edouard

Nyuma y'umuhango wo kurahiza
Visi Perezida n'Umucamanza bo mu Rukiko Rukuru rwa Gisirikare

Primature, ku wa 27/02/2019

- **Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,**
- **Bayobozi Bakuru b'Ingabo muri hano,**
- **Batumirwa mwese,**

Mwiriwe neza?

1. Nyuma yo kwakira indahiro ya Visi Perezida w'Urukiko Rukuru rwa Gisirikare, Lt. Col. Bernard Rugamba Hategekimana n'iy'Umucamanza muri uru rukiko, Lt. Col. Innocent Nkubana, ndagira ngo mbanze mbifurize imirimo myiza mu nshingano nshashya Guverinoma y'u Rwanda yabashinze. Ndagira ngo babampere n'amashyi.

2. Imirimo mugiye gukora ntabwo ari mishyashya kuri mwembi. Twari tuzi ko mbere y'uko Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 28/01/2019 ibaha izi nshingano mumaze kurahirira, mwari musanzwe muri abacamanza ba Gisirikare. Ibi rero bizabafasha kuzuza neza inshingano zanyu kuko ibyo mugiye gukora ntabwo ari bishyashya kuri mwe. Icyo mukeneye ni ukuzongeramo imbaraga zidasanzwe.

3. Inshingano zanyu rero murazizi neza. Gusa icyo Guverinoma y'u Rwanda ibibutsa ni ukuzarushaho gukora akazi kanyu kinyamwuga, mukagakora nk'inyangamugayo kandi ibyo tubibaziho nk'ingabo z'u Rwanda.

4. Muzakomeza rero gutanga serivisi nziza nk'uko n'ubundi ingabo z'u Rwanda zisanzwe zitanga serivisi nziza aho ziri hose. Muzahore kandi iteka mushyira imbere gukorana neza n'abo muhuje umwuga, izindi nzego zose za Leta ndetse n'abazaza babagana.

5. Guverinoma y'u Rwanda ikomeje kubizeza inkunga yayo ihoraho. Izabafasha kubona ibikenerwa byose kugira ngo akazi kanyu gashoboke kandi kagende neza, ari amahugurwa n'ibindi bikoresho nk'uko isanzwe tubikora mu bushobozi bwa Leta.

6. Nongeye rero kwifuriza imirimo myiza abamaze kurahira ariko nashimira abayobozi b'ingabo z'Igihugu cyacu akazi keza bakomeje gukora ari agasanzwe n'ako mu nkiko.

Murakoze cyane, mugire umunsi mwiza.